REPUBULIKA Y'U RWANDA

MINISITERI Y'ABAKOZI BA LETA N'UMURIMO

UMUSHINGA W'IJAMBO RYA NYAKUBAHWA JUDITH UWIZEYE, MINISITIRI W'ABAKOZI BA LETA N'UMURIMO MU MUHANGO WO GUTANGIZA KU MUGARAGARO ITORERO RY'ABAYOBOZI B'AMASHAMI MU NZEGO Z'IMIRIMO YA LETA

Huye, *Groupe Scolaire Officiel de Butare*, kuwa 21 Ugushyingo, 2016

- **Nyakubahwa Guverineri w'Intara y'Amajyepfo,**
- **Nyakubahwa Perezida wa Komisiyo y'Itorero ry'Igihugu,**
- **Uhagarariye Ingabo mu Ntara y'Amajyepfo,**
- **Uhagarariye Polisi mu Ntara y'Amajyepfo,**
- **Ba Nyakubahwa ba Komiseri muri Komisiyo y'Igihugu y'Itorero,**
- **Banyamabanga Bahoraho muri hano;**
- **Muyobozi w'Akarere ka Huye,**
- **Bayobozi Bakuru mu Nzego z'Imirimo ya Leta muri hano,**
- **Batoza b'Intore,**
- **Batozwa**

1. **Mwiriwe.**

2. **Muraho Neza.**

3. **Nejejwe no kuza kwifatanya namwe kuri uyu munsi kugira ngo tugirane ikiganiro muri iri Torero ry'Abayobozi b'Amashami mu Nzego zose za Leta: Minisiteri, Umujyi wa Kigali, Intara, Ibigo bya Leta n'Uturere.**

P.O. BOX 403 KIGALI Website : www.mifotra.gov.rw **E-mail** *:info@mifotra.gov.rw* **Follow us on Twitter** *: @MIFOTRA*

4. **Nkuko mubizi iri Torero duhuriyemo, ryateguwe ku Nsanganyamatsiko igira iti: “Gutanga Serivisi zishingiye ku Muturage ni Intego Duhuriyeho”.**

5. **Ndashimira cyane Abafatanyabikorwa banyuranye ba Minisiteri y’Abakozi ba Leta n’Umurimo bagize uruhare mu myiteguro yose yakozwe. Munyemerere mvugemo by’umwihariko Komisiyo y’Igihugu y’Itorero. Nyakubahwa *Chairman* ndabashimiye cyane.**

6. **Ndashimira kandi Abatoza mwese mwafashe umwanya wo kwitegura neza kugira ngo indangagaciro z’ubutore zumvikane neza ku batozwa bahore bazigenderaho mu gutanga Serivisi zishingiye ku Muturage.**

P.O. BOX 403 KIGALI Website : www.mifotra.gov.rw* E-mail *:info@mifotra.gov.rw* Follow us on Twitter *: @MIFOTRA

7. **Ndashimira kandi namwe Batozwa mwumvise neza ikondera ribahamagara mukaza mukitabira cyane. Benshi mwubahirije isaha yo guhaguruka hirya no hino aho mwahagurukiye. Mukomeze murangwe n'umuco wo kubahiriza igihe.**

8. **Ndashimira n'Inzego mukoramo zabashishikarije kuza mu Itorero.**

9. **Ndashimira kandi Intara y'Amajyepfo, Akarere ka Huye n'Ubuyobozi bw'iki Kigo kuko mwatwakiriye neza tuza tubasanga.**

10. **Insanganyamatsiko y'iri Torero ishingiye ku Cyerekezo cyiza Igihugu cyacu gifite cyo kumva neza ko ibikorwa byose bikwiye kuba bifasha Umuturage kurushaho gutera imbere mu bijyanye n'imibereho myiza n'iterambere rye.**

P.O. BOX 403 KIGALI Website : www.mifotra.gov.rw **E-mail *:info@mifotra.gov.rw*** **Follow us on Twitter *: @MIFOTRA***

11. Iri Torero rifite umwihariko wo guhuriza hamwe icyiciro cy'Abayobozi gifite uruhare runini mu itegurwa rya za politiki, amategeko n'imishinga binyuranye ndetse no kubishyira mu bikorwa.

12. Icyiciro cy'Abayobozi b'Amashami kandi kigomba guhuza neza imikoranire myiza hagati y'ubuyobozi bwose mu nzego n'abandi bakozi bose batari ku rwego rw'ubuyobozi, hagamijwe kwesa imihigo no guhuza ibikorwa n'imbaraga.

13. Nk'Abayobozi b'Amashami, murumva neza umwihariko w'inshingano mufite.

14. Ariko se kuba mwitwa abayobozi b'Amashami muzi impamvu?

15. Hari uwadusobanurira akamaro k'ishami ku giti? [Hashobora kugira Umutoza usubiza iki kibazo].

P.O. BOX 403 KIGALI Website : www.mifotra.gov.rw **E-mail** *:info@mifotra.gov.rw* **Follow us on Twitter** *: @MIFOTRA*

16. Kuba mwitwa Abayobozi b'Amashami rero bitanga ubutumwa bw'uruhare rwihariye mugomba kugira mu gutuma serivisi zitangwa neza mu Nzego mukoramo. Ishami ry'igiti niryo rigihuza n'ibindi bigikikije.

17. Mu Nzego zinyuranye mukoramo Serivisi z'ibanze umuturage akenera zitangwa binyuze mu mashami mukuriye.

Ba Nyakubahwa muteraniye hano,
Batoza b'Intore;
Batozwa,

18. Iri Torero ribaye hari byinshi byiza bimaze kugerwaho mu iterambere n'imibereho myiza y'Abaturage nkuko bigaragazwa n'ibipimo binyuranye byaba iby'imbere mu Gihugu ndetse n'ibyo ku rwego mpuzamahanga.

P.O. BOX 403 KIGALI Website : www.mifotra.gov.rw E-mail :info@mifotra.gov.rw Follow us on Twitter : @MIFOTRA

19. Ibipimo byinshi bigaragaza ko hari impinduka nziza kandi nyinshi.

20. Ibyo byiza bigaragarira mu mutekano, iterambere ry'ubukungu, kugabanya ubukene no kwiyongera kw'imyaka yo kubaho. Ibikorwa remezo birimo amashanyarazi n'amazi meza birushaho kugera ku mubare munini w'Abaturage. Uburezi kuri bose bwatumye umubare w'abazi gusoma wiyongera cyane. Ibigo by'Abikorera birushaho kwiyongera arinako bikomeza kugira uruhare mu guhanga imirimo idashingiye ku buhinzi hirya no hino mu Gihugu.

P.O. BOX 403 KIGALI Website : www.mifotra.gov.rw **E-mail *:info@mifotra.gov.rw*** **Follow us on Twitter *: @MIFOTRA***

21. Ku rwego mpuzamahanga, ibigerwaho nabyo bigaragaza ko u Rwanda rukomeje gukora neza no kuba ikitegererezo: mu mikorere myiza ya Guverinoma (*Most Efficient Government*): Umwanya wa Mbere muri Afurika n'uwa 7 ku rwego rw'Isi; Umwanya wa 2 muri Afurika mu bijyanye no Korohereza Ishoramari (*Easiest Place to do Business*); Umwanya wa 3 ku Isi mu bijyanye no kubungabunga Ibidukikije (*3rd Greenest Place in the World*), Umwanya wa Mbere ku Isi mu Guteza imbere Ikoranabuhanga (*ICT Promotion*); n'ibindi byiza byinshi binyuranye mwiyiziye.

22. Ibi byiza bigenda bigerwaho ni ibyo kwishimira cyane kandi ni ikimenyesto cy'imikorere myiza ifite icyerekezo.

23. Ariko kandi ntawatinyuka ngo yumve ko twageze iyo tujya.Urugendo rurakomeje. Ibyagezweho ni byinshi, ariko n'ibisigaye ni byinshi kurushaho kandi ninako hagenda havuka ibishya byo gukora.

P.O. BOX 403 KIGALI Website : www.mifotra.gov.rw **E-mail** *:info@mifotra.gov.rw* **Follow us on Twitter** *: @MIFOTRA*

24. Nkuko Nyakubahwa Paul KAGAME, Perezida wa Repubulika y'u Rwanda aherutse kubitwibutsa kuwa Gatanu w'Icyumweru gishize mu Nteko Ishinga Amategeko ubwo harahiraga Abadepite bashya:

"Gukora kwacu ni ukwikorera. Turifuza gukomeza gukora ibintu bizima kandi birambye. Inshingano yacu ni ugukomeza gukora neza. Ntawakora neza ngo ageze aho adashobora gukomeza gutera intambwe ijya imbere".

Kuwa 06 Ukwakira ubwo harahiraga Abagize Guverinoma, Nyakubahwa Paul KAGAME, Perezida wa Repubulika y'u Rwanda yatwibukije kandi ko:

"Nk'Abayobozi dukwiye guhora dushaka gukora ibizima kandi tukabyihutisha. Nta mpamvu yo guta igihe".

P.O. BOX 403 KIGALI Website : www.mifotra.gov.rw **E-mail *:info@mifotra.gov.rw*** **Follow us on Twitter *: @MIFOTRA***

25. Bityo, byinshi byiza byagezweho bidusaba gukora cyane kurusha uko dusanzwe dukora kugira ngo ibyiza tugenda tugeraho tubibungabunge kandi tunabyongere cyane, ntihabeho gusubira inyuma na rimwe.

26. Umukozi wese wa Leta mu rwego urwo ari rwo rwose akorera akwiye kugira imyumvire yo kumva ko iyo akoze neza aba agira uruhare mu kugeza serivisi ku Muturage.

27. Mukwiye kwiyumva nka *Generation* isabwa gukora cyane, mu bwitange. *Generation* igomba kurangwa no kwihuta no kunoza umurimo.

28. Nta nzira y'ubusamo igana ku iterambere rirambye no kwigira. Reka mu bisekuru biri imbere Inzego z'Imirimo ya Leta ziriho ubu namwe muzikoramo muzibukwe nk'abashinze inkingi y'ibyiza abadukomokaho bazakomerezaho.

P.O. BOX 403 KIGALI Website : www.mifotra.gov.rw **E-mail** *:info@mifotra.gov.rw* **Follow us on Twitter** *: @MIFOTRA*

Ba Nyakubahwa muteraniye hano;

Batoza b'Intore;

Batozwa;

29. Nubgo hari byinshi byiza twagezeho kandi dukomeje kugeraho, tunazirikana ko hari n'ibitaragerwaho cyangwa se bigerwaho ku gipimo cyo hasi.

30. Mu bitaragerwaho 100%, harimo ibijyanye no guhanga imirimo myinshi idashingiye ku buhinzi igomba kugera ku 200, 000 buri mwaka (Ubu tukaba tugeze ku 146,000); kongera umusaruro rusange w'Igihugu (GDP) ukagera ku 1240 USD (Ubu tugeze kuri 719USD); kugera ku gipimo cy'izamuka ry'ubukungu cya 11.5%; kugabanya ubukene ku gipimo cya 20% (Ubu tugeze kuri 39.1%) no guca burundu ubukene bukabije (Ubu bugeze ku gipimo cya 16.3%).

P.O. BOX 403 KIGALI Website : www.mifotra.gov.rw **E-mail** *:info@mifotra.gov.rw* **Follow us on Twitter** *: @MIFOTRA*

31. Ku birebana n'uko Abaturage bishimiraga serivisi bahabwaga n'Inzego zibegereye, amanota ari ku kigereranyo cya 67.7% mu mwaka wa 2015-2016 avuye kuri 71.1% yo muri 2014-2015.

32. Muzi neza ko muri Gahunda y'Imyaka irindwi ya Guverinoma uburyo Abaturage bishimira Serivisi bahabwa bugomba kuba bugeze ku gipimo cya 80%.

33. Kuba hari ibitaragerwaho uko byateguwe ntabwo biterwa nuko hateguwe ibidashoboka.

34. Iyo usesenguye usanga bimwe bitagerwaho biterwa n'impamvu n'imbogamizi zinyuranye, zaba izituruka ku bagomba kubishyira mu bikorwa cyangwa se zitabaturukaho, ariko zose zigomba kubonerwa umuti.

P.O. BOX 403 KIGALI Website : www.mifotra.gov.rw **E-mail** *:info@mifotra.gov.rw* **Follow us on Twitter** *: @MIFOTRA*

35. Isesengura ryakozwe mu mwaka wa 2013 ku bijyanye n'imikorere y'Inzego z'Imirimo ya Leta ryagaraje impamvu zinyuranye zituma bimwe mu byo twiyemeje bitagerwaho.

36. Muri izo mpamvu, harimo izishingiye ku mikorere, imikoranire, imigenzereze n'imyitwarire bidafasha kwesa imihigo mu buryo bwa gitore.

Batoza b'Intore;
Batozwa mwabyiyemeje;

37. Ni yo mpamvu tugomba gukomeza gushyira ingufu mu kunoza imikorere n'imikoranire kugira ngo ibitaragerwaho nabyo bigerweho kuko bishoboka.

P.O. BOX 403 KIGALI Website : www.mifotra.gov.rw **E-mail** *:info@mifotra.gov.rw* **Follow us on Twitter** *: @MIFOTRA*

38. Dukeneye Abakozi bakora cyane ariko kandi banafite indangagaciro z'umuco nyarwanda. Byumvikane ko udashoboye akazi we adakenewe mu Nzego z'Imirimo ya Leta kandi ndetse n'Abikorera bakeneye Abakozi bashoboye kandi barangwa n'Indangagaciro.

39. Abakozi bose by'umwihariko Abayobozi bagomba kurangwa n'indangagaciro remezo z'ubutore arizo: UbunyaRwanda, Gukunda Igihugu, Ubunyangamugayo, Ubwitange, Gukunda Umurimo no Kuwunoza no Kwihesha Agaciro.

40. Izi ndangagaciro ni zo zizakomeza gufasha u Rwanda kugera ku cyerekezo rwiyemeje mu buryo burambye.

41. Muri iri Torero, muzagira umwanya wo kuzisobanukirwa birushijeho.

P.O. BOX 403 KIGALI Website : www.mifotra.gov.rw **E-mail *:info@mifotra.gov.rw*** **Follow us on Twitter *: @MIFOTRA***

42. Ariko cyane cyane mukwiye kuzigaragaza mu migirire yanyu ya buri munsi, abo muyobora mukababera urugero rwiza.

Batozwa muteraniye hano;

43. Mukwiye kumva neza uruhare mufite mu iterambere ry'Igihugu, mugakora ibyo mushinzwe n'umurava, mukarangwa no gukunda u Rwanda n'Abanyarwanda.

44. Mukamenya gushaka no kwishakamo ibisubizo, mugakora nk'abikorera, mugafasha guhanga udushya mu Nzego za Leta.

45. Mukomeze kwihesha agaciro, aho muri hose mube intangarugero ari mu kazi no hanze y'akazi, murangwe no kwicisha bugufi no kunoza umurimo kuko indangagaciro z'ubutore zigomba kubaranga aho muri hose.

P.O. BOX 403 KIGALI Website : www.mifotra.gov.rw **E-mail** *:info@mifotra.gov.rw* **Follow us on Twitter** *: @MIFOTRA*

46. Ndabasaba rero kuba Intangarugero mu byo mukora byose kandi ibyo muzatozwa bizabarange hose kandi buri gihe.

47. Hari bagenzi banyu batashoboye kuboneka ku mpamvu zinyuranye.

48. Ariko abo batabonetse tuzabashakira nabo uko bitabira Itorero nk'iri, kuko nabo bagomba kugezwaho ibyiza muzakura muri iri Torero.

49. Gahunda dufite mu bufatanye na Komisiyo y'Igihugu y'Itorero - *Mboneyeho umwanya wo kongera gushimira cyane* - ni ukugeza Itorero ku Bakozi bose ba Leta.

Batozwa,

50. Mukomeze kuzirikana ko mutaje kwiga ahubwo mwaje gutozwa.

P.O. BOX 403 KIGALI Website : www.mifotra.gov.rw **E-mail** *:info@mifotra.gov.rw* **Follow us on Twitter** *: @MIFOTRA*

51. Muzatozwa, muzatumwa, muzahiga ariko kandi muzahigure.

52. Mwaje muri Abatozwa, muzataha muri Intore ndetse muri n'Abatoza b'Intore.

53. Imirimo yanyu ya buri munsi izababere Urugerero, muyijyeho mushishikaye kandi mugaragaza icyerekezo no gusobanukirwa neza ibyo mushinzwe n'icyo musabwa ngo bigerweho.

54. Imirimo inyuranye mukora muyifate nk'ubutumwa mugomba gusoza, aho muyikorera hababere urugerero. Ku buryo ubyuka utagiye ku kazi gusa ahubwo uba ugiye no ku rugerero.

55. Dukenyere dukomeze, Imihigo irakomeye, kandi irakomeje.

56. Kandi igomba kweswa.

57. Intore ntiganya ishaka ibisubizo.

P.O. BOX 403 KIGALI Website : www.mifotra.gov.rw **E-mail** *:info@mifotra.gov.rw* **Follow us on Twitter** *: @MIFOTRA*

58. Mboneyeho gutangiza ku mugaragaro iri Torero ry'Abayobozi b'Abamashami.

59. Murakoze, Mugire Amahoro y'Imana.

P.O. BOX 403 KIGALI Website : www.mifotra.gov.rw **E-mail** *:info@mifotra.gov.rw* **Follow us on Twitter** *: @MIFOTRA*